<u>Ingingo ya 15:</u> Ibibujijwe mu kwiyamamaza	<u>Article 15:</u> Prohibited acts during electoral campaign	<u>Article 15:</u> Agissements interdits pendant la campagne électorale
<u>Iciviro cya 5:</u> Amatora y’abagize Komite y’Abunzi n’isimbuzwa ryabo	<u>Section 5:</u> Election of <i>Abunzi</i> Committee members and their replacement	<u>Section 5:</u> Élections des membres du Comité d’<i>Abunzi</i> et leur remplacement
<u>Ingingo ya 16:</u> Umubare w’Abakandida batorerwa kuba mu bagize Komite y’Abunzi ku rwego rw’Akagari	<u>Article 16:</u> Number of candidates to be elected as <i>Abunzi</i> Committee members at Cell level	<u>Article 16:</u> Nombre des candidats à élire comme membres du Comité d’<i>Abunzi</i> au niveau du Cellule
<u>Ingingo ya 17:</u> Umubare w’Abakandida batorerwa kuba mu bagize Komite y’Abunzi ku rwego rw’Umurenge	<u>Article 17:</u> Number of candidates to be elected as <i>Abunzi</i> Committee members at Sector level	<u>Article 17:</u> Nombre des candidats à élire comme membres du Comité d’<i>Abunzi</i> au niveau du Secteur
<u>Ingingo ya 18:</u> Amatora y’abagize Komite y’Abunzi ku rwego rw’Akagari	<u>Article 18:</u> Election of <i>Abunzi</i> Committee members at Cell level	<u>Article 18:</u> Élections des membres du Comité d’<i>Abunzi</i> au niveau du Cellule
<u>Ingingo ya 19:</u> Amatora y’abagize Komite y’Abunzi ku rwego rw’Umurenge	<u>Article 19:</u> Election of <i>Abunzi</i> Committee members at Sector level	<u>Article 19:</u> Élections des membres du Comité d’<i>Abunzi</i> au niveau du Secteur
<u>Ingingo ya 20:</u> Inyandikomvugo y’imigendekere y’amatora	<u>Article 20:</u> Minutes for elections process	<u>Article 20:</u> Procès-verbal du déroulement des élections
<u>Ingingo ya 21:</u> Inyandikomvugo y’ibyavuye mu matora	<u>Article 21:</u> Minutes of the election results	<u>Article 21:</u> Procès-verbal des résultats des élections
<u>Ingingo ya 22:</u> Gukemura impaka zijyanye n’imigendekere y’itora	<u>Article 22:</u> Resolution of disputes relating to the conduct of election	<u>Article 22:</u> Règlement du contentieux relatifs au déroulement des élections
<u>Ingingo ya 23:</u> Isimbuzwa ry’umwe mu bagize Komite y’Abunzi	<u>Article 23:</u> Replacement of a member of <i>Abunzi</i> Committee	<u>Article 23:</u> Remplacement d’un membre du Comité d’<i>Abunzi</i>

UMUTWE WA III: INGINGO ZISOZA

CHAPTER III: FINAL PROVISIONS

**CHAPITRE III: DISPOSITIONS
FINALES**

Ingingo ya 24: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka

Article 24: Authorities responsible for the implementation of this Order

Article 24: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Ingingo ya 25: Ivanwaho ry'iteka n'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 25: Repealing provision

Article 25: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 26: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa

Article 26: Commencement

Article 26: Entrée en vigueur

ITEKA RYA PEREZIDA N° 95/01 RYO KU WA 18/09/2019 RIGENA UKO AMATORA Y'ABAGIZE KOMITE Y'ABUNZI AKORWA

PRESIDENTIAL ORDER N° 95/01 OF 18/09/2019 SPECIFYING MODALITIES FOR ELECTING ABUNZI COMMITTEE MEMBERS

ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 95/01 DU 18/09/2019 FIXANT LES MODALITÉS D'ÉLECTION DES MEMBRES DU COMITÉ D'ABUNZI

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 112, iya 120, iya 122 n'iya 176;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 112, 120, 122 and 176;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 112, 120, 122 et 176;

Dushingiye ku Itegeko n° 37/2016 ryo ku wa 08/09/2016 rigena imitunganyirize, ifasi, ububasha n'imikorere bya Komite y'Abunzi, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 7;

Pursuant to Law n° 37/2016 of 08/09/2016 determining organisation, jurisdiction, competence and functioning of *Abunzi* Committee, especially in Article 7;

Vu la Loi n° 37/2016 du 08/09/2016 déterminant l'organisation, ressort, compétence et fonctionnement du Comité d'*Abunzi*, spécialement en son article 7;

Dusubiye ku Iteka rya Perezida n° 49/01 ryo ku wa 06/07/2010 rigena uko amatora y'abagize Komite y'Abunzi akorwa;

Having reviewed Presidential Order n° 49/01 of 06/07/2010 specifying modalities for electing the Mediation Committee members;

Revu l'Arrêté Présidentiel n° 49/01 du 06/07/2010 fixant les modalités d'élection des membres du Comité de Conciliateurs;

Bisabwe na Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta;

On proposal by the Minister of Justice/Attorney General;

Sur proposition du Ministre de la Justice/Garde des Sceaux;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 03/04/2019, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 03/04/2019;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 03/04/2019;

TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE:

HAVE ORDERED AND ORDER:

AVONS ARRÊTÉ ET ARRÊTONS:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Iri teka rigena uko amatora y'abagize Komite y'Abunzi akorwa.

Ingingo ya 2: Amabwiriza y'itora ry'abagize Komite y'Abunzi

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora itanga amabwiriza akena imigendekere y'amatora y'abagize Komite y'Abunzi.

UMUTWE WA II: UKO AMATORA AKORWA

Icyiciro cya mbere: Abakandida batorwamo abagize Komite y'Abunzi

Ingingo ya 3: Uwemerewe gutorwa

Uwemerewe gutorerwa kuba umwunzi:

- 1° agomba kuba ari umunyarwanda;
- 2° agomba kuba aba mu Kagari cyangwa mu Murenge ashaka gutorerwamo;
- 3° agomba kuba yujuje nibura imyaka makumyabiri n'umwe (21) y'amavuko;

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISION

Article One: Purpose of this Order

This Order specifies modalities for electing *Abunzi* Committee members.

Article 2: Instructions for conduct of elections of *Abunzi* Committee members

The National Electoral Commission issues instructions determining conduct of elections of *Abunzi* Committee members.

CHAPTER II: MODALITIES FOR ELECTION

Section One: Candidates of *Abunzi* Committee members

Article 3: Eligible person

A person who is eligible as *umwunzi*:

- 1° must be a Rwandan by nationality;
- 2° must be a resident of the Cell or Sector in which he or she wants to be elected;
- 3° must be at least twenty one (21) years old;

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITION GÉNÉRALE

Article premier: Objet du présent arrêté

Le présent arrêté fixe les modalités d'élection des membres du Comité d'*Abunzi*.

Article 2: Instructions pour le déroulement des élections des membres du Comité d'*Abunzi*

La Commission Nationale Electorale émet des instructions déterminant le déroulement des élections des membres du Comité d'*Abunzi*.

CHAPITRE II: MODALITÉS D'ÉLECTION

Section première: Candidats membres du Comité d'*Abunzi*

Article 3: Personne éligible

Une personne éligible comme *umwunzi*:

- 1° doit être de nationalité rwandaise;
- 2° doit être résidant dans la Cellule ou le Secteur dans lequel elle veut se faire élire;
- 3° doit être âgé d'au moins vingt et un (21) ans;

Official Gazette n° 37 bis of 23/09/2019

- | | | |
|--|---|--|
| 4° agomba kuba azwiho ubudakemwa mu myifatire; | 4° must be known as having good morals; | 4° doit être de bonne conduite; |
| 5° agomba kuba ari umunyakuri kandi atanigana abandi ijambo; | 5° must be honest and open to listen to others; | 5° doit être franc et apte à partager la parole avec les autres; |
| 6° agomba kuba atarambuwe n'inkiko zibifitiye ububasha uburenganzira bwo gutora akaba atarahanagurwaho ubwo busembwa cyangwa ngo ahabwe imbabazi zitangwa n'itegeko; | 6° must not have been deprived of his or her right to vote by competent courts and has not been rehabilitated or granted amnesty; | 6° ne doit pas avoir été privée du droit de vote par des juridictions compétentes ou n'a pas été réhabilitée ou amnistiée; |
| 7° agomba kuba atarakatiwe burundu kubera icyaha cya jenocide cyangwa ibyaha byibasiye inyokomuntu; | 7° must not have been definitively sentenced because of the crime of genocide or crimes against humanity; | 7° ne doit pas avoir été condamnée définitivement pour crime de génocide ou crimes contre l'humanité; |
| 8° agomba kuba atarakatiwe burundu kubera icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenocide n'ibindi byaha bifitanye isano nayo; | 8° must not have been definitely sentenced for the crime of genocide ideology and other related offences; | 8° ne doit pas avoir été condamné définitivement pour crime d'idéologie du génocide et autres infractions connexes; |
| 9° agomba kuba atarakatiwe burundu kubera icyaha cyo gukoresha undi imibonano mpuzabitsina ku gahato; | 9° must not have been definitively sentenced for rape; | 9° ne doit pas avoir été condamnée définitivement pour viol; |
| 10° agomba kuba atarakatiwe burundu kubera icyaha cyo gusambanya abana; | 10° must not have been definitively sentenced for child defilement; | 10° ne doit pas avoir été condamnée définitivement pour viol sur enfant; |
| 11° agomba kuba atarakatiwe burundu kubera icyaha cya ruswa; | 11° must not have been definitively sentenced for corruption; | 11° ne doit pas avoir été condamnée définitivement pour corruption; |

12° agomba kuba atarakatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirenze imyaka itanu (5);

12° must not have been definitively sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding five (5) years;

12° ne doit pas avoir été condamné définitivement à une peine d'emprisonnement supérieure ou égale à cinq (5) ans;

13° agomba kuba adafunze.

13° must not be under detention.

13° ne doit pas être en détention.

Ingingo ya 4: Imirimo itabangikanywa no kuba Umwunzi

Article 4: Duties incompatible with Umwunzi functions

Article 4: Fonctions incompatibles avec celles d'Umwunzi

Abantu bakurikira ntibemerewe kuba abunzi:

The following persons are not eligible to be *abunzi*:

Les personnes suivantes ne sont pas éligibles d'être *abunzi*:

1° abakozi bo mu nzego z'imitegekere y'igihugu zegerejwe abaturage;

1° employees of decentralised entities;

1° les agents des entités décentralisées;

2° abacamanza n'abandi bakozi bo mu nkiko;

2° judges and other judicial personnel;

2° les juges et les agents de l'ordre judiciaire;

3° abashinjacyaha n'abandi bakozi bo mu Bushinjacyaha;

3° prosecutors and other employees of Public Prosecution;

3° les Officiers de Poursuite Judiciaire et autres agents de l'Organe de Poursuite Judiciaire ;

4° abavoka;

4° advocates;

4° les avocats;

5° abahesha b'inkiko;

5° bailiffs;

5° les huissiers de justice;

6° abasikare;

6° soldiers;

6° les militaires;

7° abapolisi;

7° police officers;

7° les policiers;

Official Gazette n° 37 bis of 23/09/2019

8° abakozi b'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Iperereza n'Umutekano;

8° staff members of National Intelligence and Security Services;

8° les membres du personnel de Service National de Renseignements et de Sécurité;

9° abakozi b'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha;

9° staff members of the Rwanda Investigation Bureau;

9° les membres du personnel de l'Office Rwandais d'Investigation;

10° abakozi b'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Imfungwa n'Abagororwa;

10° staff members of the Rwanda Correctional Services;

10° les membres du personnel de Service Correctionnel du Rwanda;

11° abagize Urwego rwunganira Ubuyobozi bw'Akarere mu Gucunga Umutekano;

11° members of the District Administration Security Support Organ;

11° les membres de l'Organe d'appui à l'administration du District pour le maintien de la sécurité;

12° abandi bakozi bafite inshingano zifite aho zihurira n'ibikorwa by'abunzi.

12° other employees whose responsibilities are linked to the activities of *abunzi*.

12° d'autres employés dont les attributions sont connexes aux activités d'*abunzi*.

Icyakora, umuntu ufite icyemezo kigaragaza ko yasezeye ku mirimo, ivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, yari asanzwe akora ashobora kuba umwunzi.

However, a person who certifies that he or she resigned from his or her duties, mentioned under paragraph One of this Article, may be *umwunzi*.

Toutefois, une personne ayant la preuve démontrant qu'elle a démissionné des fonctions, visées à l'alinéa premier du présent article, qu'elle exerçait peut-être *umwunzi*.

Ingingo ya 5: Itangwa rya kandidatire

Article 5: Presentation of candidacy

Article 5: Présentation des candidatures

Umuntu ashobora kwitangaho umukandida ariko kandidatire ye yemezwa n'abaturage bitabiriye itora.

A person may stand for election but his or her candidacy is approved by the citizen participating in the election.

Toute personne peut présenter elle-même sa candidature, mais celle-ci est approuvée par les citoyens participant à l'élection.

Icyakora, abaturage bashobora gusaba uwo baziho ubushobozi n'ubunyangamugayo ubyemeye, kuba umukandida.

However, the people may request a person they consider competent and of integrity who agrees, to be a candidate.

Toutefois, le peuple peut demander à une personne qu'elle estime compétente et intègre et qui accepte d'être candidat.

Abaturage bashobora kandi gutangaho umukandida umuntu udahari baziho ubushobozi n'ubunyangamugayo. Uwo mukandida agahagararirwa n'umwe mu bagize inteko itora mu gihe cy'amatora.

Ingingo ya 6: Inengwa rya kandidatire

Umuntu ufite icyo anenga umukandida, afite uburenganzira bwo gusaba ijamba uyobora itora.

Umukandida wanenzwe afite uburenganzira bwo kwisobanura.

Uyoboye amatora, amaze kumva icyo Inama Njyanama ibivugaho no kugisha inama inzego zimukuriye, afata umwanzuro ku inengwa ry'umukandida. Uwo mwanzuro umenyeshwa Inama Njyanama bigakorera inyandikomvugo.

Ingingo ya 7: Amatora y'abakandida batorwamo abagize Komite y'Abunzi

Amatora y'abakandida batorwamo abagize Komite y'Abunzi akorerwa ku rwego rw'Umudugudu kandi akorwa mu buryo butaziguye, abatora bajya ku murongo inyuma y'abakandida bihitiyemo.

The citizens may also present a candidacy of an absent person that they consider competent and of integrity. This candidate is represented by one member of the electoral college during election.

Article 6: Criticism of candidacy

A person who has a criticism against a candidate has the right to request the floor to the elections coordinator.

A candidate who has been criticised has the right to defend himself or herself.

The elections coordinator, after consulting the Council and the supervisors, decides on the fate of the criticism against the candidate. The decision is notified to the Council and a report on the issue is made.

Article 7: Election of candidates of *Abunzi* Committee members

The election of candidates of *Abunzi* Committee members is done at the Village level and by direct elections, voters queueing behind the candidates of their choice.

Les citoyens peuvent également présenter la candidature d'une personne absente qu'elle estime compétente et intègre. Cette personne est représentée par un des membres du collège électoral lors des élections.

Article 6: Reproche des candidatures

Une personne qui a des reproches vis-à-vis d'un candidat demande la parole au coordinateur des élections.

Le candidat en cause a droit de présenter sa défense.

Le coordinateur des élections, sur avis du Conseil et de ses supérieurs hiérarchiques, décide sur les reproches contre le candidat. La décision prise est communiquée au Conseil et un procès-verbal en est dressé.

Article 7: Élection des candidats membres du Comité d'*Abunzi*

L'élection des candidats aux fonctions de membres du Comité d'*Abunzi* se fait au niveau du Village et se fait par suffrage direct, les électeurs s'alignant derrière les candidats de leur choix.

Abanyamahanga na bo bemerewe gutora abakandida batorwamo abagize Komite y'Abunzi.

The foreigners also have the right to vote candidates of *Abunzi* Committee members.

Les étrangers ont aussi le droit de voter les candidats membres du Comité d'*Abunzi*.

Icyiciro cya 2: Ahakorerwa amatora n'igihe amara

Section 2: Location of polling centres and polling time

Section 2: Lieu du déroulement des élections et durée des élections

Ingingo ya 8: Igenwa ry'ahatorerwa

Article 8: Determination of location of polling centers

Article 8: Détermination du lieu du déroulement des élections

Mbere y'amatora y'abakandida bagize Komite y'Abunzi, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, yifashishije ubuyobozi bw'Akarere n'ubw'Umurenge, igena aho amatora abera mu Murenge hakamenyeshwa abaturage.

Before the election of candidates to *Abunzi* Committee members, the National Electoral Commission, after consulting authorities at District and Sector level, provides in every Sector, the place where the election is carried out and informs the public accordingly.

Avant les élections des candidats membres du Comité d'*Abunzi*, la Commission Nationale Electorale, après concertation avec les autorités de District et de Secteur détermine le lieu du déroulement des élections et en informe le public.

Ingingo ya 9: Igihe itora ritangirira n'igihe risorezwa

Article 9: Time of opening and closing polls

Article 9: Heure d'ouverture et de clôture du scrutin

Itora ritangira saa moya za mu gitondo (7h00) rigasoza bitarenze saa kumi n'ebyiri za nimugoroba (18h00).

Polls start at seven o'clock (7.00 a.m) and end not later than six o'clock (6.00 p.m).

Le scrutin est ouvert à sept heures (7h00) et est clos au plus tard à dix huit heures (18h00).

Icyiciro cya 3: Umubare wa ngombwa w'abagize inteko itora n'isubikwa ry'itora

Ingingo ya 10: Umubare wa ngombwa w'abagize inteko itora ku rwego rw'Umudugudu

Kugira ngo itora ritangire ku rwego rw'Umudugudu hagomba kuba hari nibura kimwe cya kabiri (1/2) cy'abagize Inama Njyanama y'Umudugudu bemerewe gutora.

Ingingo ya 11: Umubare wa ngombwa w'abagize inteko itora ku rwego rw'Akagari

Ku rwego rw'Akagari, amatora atangira iyo hari nibura bibiri bya gatatu (2/3) by'abagize Inama Njyanama y'Akagari.

Ingingo ya 12: Umubare wa ngombwa w'abagize inteko itora ku rwego rw'Umurenge

Ku rwego rw'Umurenge, amatora atangira iyo hari nibura bibiri bya gatatu (2/3) by'abagize Inama Njyanama y'Umurenge.

Section 3: Quorum of the electoral college and postponement of election

Article 10: Quorum of the electoral college at Village level

The election at village level begins when at least a half (1/2) of the Village Council members allowed to vote are present.

Article 11: Quorum of the electoral college at Cell level

At the Cell level, the election begins when at least two thirds (2/3) of the members of the Cell Council are present.

Article 12: Quorum of the electoral college at Sector level

At the Sector level, the election begins when at least two thirds (2/3) of the members of the Sector Council are present.

Section 3: Quorum du collège électoral et ajournement de l'élection

Article 10: Quorum du collège électoral au niveau du village

Pour que l'élection au niveau du village débute, au moins la moitié (1/2) des membres du Conseil de Village jouissant du droit de vote doit être présente.

Article 11: Quorum du collège électoral au niveau du Cellule

Au niveau du Cellule, l'élection commence lorsqu'au moins deux tiers (2/3) des membres du Conseil de Cellule sont présents.

Article 12: Quorum du collège électoral au niveau du Secteur

Au niveau du Secteur, l'élection commence lorsqu'au moins deux tiers (2/3) des membres du Conseil de Secteur sont présents.

Ingingo ya 13: Isubika ry'itora

Iyo umubare wa ngombwa w'abagize inteko itora udashoboye kuzura, itora rirasubikwa, rigasubukurwa mu gihe kitarenze iminsi itatu (3).

Ku muni w'isubukurwa itora riraba hatitawe ku mubare wa ngombwa.

Icyiciro cya 4: Ibirebana no kwiyamamaza

Ingingo ya 14: Kwiyamamaza

Kwiyamamaza bikorerwa imbere y'abagize Inama Njyanama bireba.

Mbere y'uko itora riba, buri mukandida ahabwa umwanya wo kwiyamamaza.

Mu kwiyamamaza, umukandida avuga gusa umwirondoro we.

Ingingo ya 15: Ibibujijwe mu kwiyamamaza

Mu kuvuga umwirondoro we, umukandida ntiyemerewe kwiyamamaza mu izina ry'umutwe wa politiki cyangwa iry'idini.

Article 13: Postponment of election

In the event that the quorum of electoral college is not met, the election is postponed and resumed within three days (3).

On the resumption date, the election is conducted regardless of the quorum.

Section 4: Matters related to electoral campaign

Article 14: Electoral campaign

Campaigning for election is done before members of the concerned Council.

Before the election commences, every candidate is given time to campaign.

In campaigning, the candidate limits his or her campaign to only presenting his or her curriculum vitae.

Article 15: Prohibited acts during electoral campaign

In presenting his or her curriculum vitae, a candidate is prohibited from campaigning basing on political party or religion.

Article 13: Ajournement de l'élection

Lorsque le quorum du collège électoral n'est pas atteint, l'élection est ajournée pour reprendre endéans trois (3) jours.

Au jour de la reprise, l'élection a lieu, quel que soit le quorum.

Section 4: Matières relatives à la campagne électorale

Article 14: Campagne électorale

La campagne électorale se fait devant le Conseil concerné.

Avant l'élection, il est accordé à chaque candidat l'occasion de faire sa campagne électorale.

Dans la campagne, le candidat se limite seulement à présenter son curriculum vitae.

Article 15: Agissements interdits pendant la campagne électorale

Lors de la présentation de son curriculum vitae, le candidat n'est pas autorisé à faire la

campagne au nom d'une formation politique ou d'une religion.

Icyiciro cya 5: Amatora y'abagize Komite y'Abunzi n'isimbuzwa ryabo

Section 5: Election of *Abunzi* Committee members and their replacement

Section 5: Élections des membres du Comité d'*Abunzi* et leur remplacement

Ingingo ya 16: Umubare w'Abakandida batorerwa kuba mu bagize Komite y'Abunzi ku rwego rw'Akagari

Article 16: Number of candidates to be elected as *Abunzi* Committee members at Cell level

Article 16: Nombre des candidats à élire comme membres du Comité d'*Abunzi* au niveau du Cellule

Abakandida batorerwa kujya muri Komite y'Abunzi ku rwego rw'Akagari ni abakandida barindwi (7) barushije abandi amajwi.

The candidates who are elected to be members of the Cell *Abunzi* Committee are seven (7) candidates who won the highest number of votes.

Les candidats qui sont élus pour être membres du Comité d'*Abunzi* de la Cellule sont les sept (7) candidats qui ont obtenu le plus grand nombre de voix.

Iyo umubare w'abarushije abandi amajwi urenze barindwi (7) kubera ko harimo abakandida banganyije amajwi, hakoreshwa tombola hagati y'abanganyije kugira ngo hamenyekane uwegukanye uwo mwanya. Umukandida utsinzwe muri tombola ahita afata umwanya ukurikira uw'uwatsinze hakoreshwe tombola.

Where candidates who won the highest number of votes are above seven (7) because of equality of votes, there is drawing of lots to determine the winner. The losing candidate in the lot takes the place following the winner.

Lorsque les candidats qui ont obtenu le plus grand nombre de voix sont au-delà de sept (7) parce qu'il y a eu égalité de voix, il est procédé au tirage au sort pour déterminer le gagnant. Le candidat perdant au tirage au sort occupe la place suivant celle du gagnant.

Ingingo ya 17: Umubare w'Abakandida batorerwa kuba mu bagize Komite y'Abunzi ku rwego rw'Umurenge

Article 17: Number of candidates to be elected as *Abunzi* Committee members at Sector level

Article 17: Nombre des candidats à élire comme membres du Comité d'*Abunzi* au niveau du Secteur

Abakandida batorerwa kujya muri Komite y'Abunzi ku rwego rw'Umurenge ni abakandida barindwi (7) barushije abandi amajwi.

The candidates who are elected to be members of the Sector *Abunzi* Committee are seven (7) candidates who won the highest number of votes.

Les candidats qui sont élus pour être membres du Comité d'*Abunzi* du Secteur sont les sept (7) candidats qui ont obtenu le plus grand nombre de voix.

Iyo umubare w'abarushije abandi amajwi urenze barindwi (7) kubera ko harimo abakandida banganyije amajwi, hakoreshwa tombola hagati y'abanganyije kugira ngo hamenyekane uwegukanye uwo mwanya. Umukandida utsinzwe muri tombola ahita afata umwanya ukurikira uw'uwatsinze hakoreshejwe tombola.

Ingingo ya 18: Amatora y'abagize Komite y'Abunzi ku rwego rw'Akagari

Abagize Komite y'Abunzi ku rwego rw'Akagari batorwa n'abagize Inama Njyanama y'Akagari mu buryo buziguye kandi mu ibanga.

Ingingo ya 19: Amatora y'abagize Komite y'Abunzi ku rwego rw'Umurenge

Abagize Komite y'Abunzi ku rwego rw'Umurenge batorwa n'abagize Inama Njyanama y'Umurenge mu buryo buziguye kandi mu ibanga.

Ingingo ya 20: Inyandikomvugo y'imigendekere y'amatora

Gutangiza, gusubika no gusoza itora ry'abagize Komite y'Abunzi bikorerwa inyandikomvugo. Imiterere y'iyo

Where candidates who won the highest number of votes are above seven (7) because of equality of votes, there is drawing of lots to determine the winner. The losing candidate in the lot takes the place following the winner.

Article 18: Election of *Abunzi* Committee members at Cell level

Abunzi Committee members at the Cell level are elected by members of the Cell Council through indirect election and secret ballot.

Article 19: Election of *Abunzi* Committee members at Sector level

Abunzi Committee members at the Sector level are elected by members of the Sector Council through indirect election and secret ballot.

Article 20: Minutes for elections process

The minutes are taken for commencement, postponement and closure of election of *Abunzi* Committee members. The format of

Lorsque les candidats qui ont obtenu le plus grand nombre de voix sont au-delà de sept (7) parce qu'il y a eu égalité de voix, il est procédé au tirage au sort pour déterminer le gagnant. Le candidat perdant au tirage au sort occupe la place suivant celle du gagnant.

Article 18: Élections des membres du Comité d'*Abunzi* au niveau du Cellule

Les membres du Comité d'*Abunzi* au niveau du Cellule sont élus au suffrage indirect et au vote secret par les membres du Conseil de Cellule.

Article 19: Élections des membres du Comité d'*Abunzi* au niveau du Secteur

Les membres du Comité d'*Abunzi* au niveau du Secteur sont élus au suffrage indirect et au vote secret par les membres du Conseil de Secteur.

Article 20: Procès-verbal du déroulement des élections

Le début, l'ajournement et la clôture de l'élection des membres du Comité d'*Abunzi* font l'objet d'un procès-verbal. Le format de

nyandikomvugo igenwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

Ingingo ya 21: Inyandikomvugo y'ibyavuye mu matora

Abayoboye amatora bakora inyandikomvugo y'ibyavuye mu matora. Imiterere y'iyo nyandikomvugo n'igihe bikorerwa bigenwa n'amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

Ingingo ya 22: Gukemura impaka zijyanye n'imigendekere y'itora

Impaka zijyanye n'imigendekere y'itora ry'abagize Komite y'Abunzi zigomba guhita zigaragazwa.

Impaka zigaragazwa n'umukandida wumva yabangamiwe, mbere y'uko ibyavuye mu itora bitangazwa, bitaba ibyo izo mpaka zigata agaciro.

Impaka zikemurwa n'abayoboye itora mbere y'uko risozwa.

the minutes is determined by the National Electoral Commission.

Article 21: Minutes of the election results

The election coordinators take minutes of the election results. The format of the minutes and the time to take them are determined by the instructions of the National Electoral Commission.

Article 22: Resolution of disputes relating to the conduct of election

The disputes relating to the conduct of election of *Abunzi* Committee members must be immediately declared.

Disputes are declared by a candidate who feels prejudiced before publication of the final results of the election, otherwise such disputes are invalid.

Disputes are resolved by the election coordinators before the closure of the polls.

ce procès-verbal est déterminé par la Commission Nationale Electorale.

Article 21: Procès-verbal des résultats des élections

Les coordinateurs des élections dressent un procès-verbal des résultats des élections. Le format et le moment de dressement du procès-verbal sont déterminés par les instructions de la Commission Nationale Electorale.

Article 22: Règlement du contentieux relatifs au déroulement des élections

Les contentieux relatifs au déroulement des élections des membres du Comité d'*Abunzi* doivent être immédiatement constatés.

Les contentieux sont constatés par le candidat qui s'estime lésé, avant la déclaration des résultats, autrement, ces contentieux ne sont plus valables.

Les contentieux sont réglés par les coordinateurs des élections avant la clôture du scrutin.

Ingingo ya 23: Isimburwa ry'umwe mu bagize Komite y'Abunzi

Isimburwa ry'umwe mu bagize Komite y'Abunzi rikorwa hakurikijwe uko abakandida bakurikirana ku ilisiti, usimbura akaba ari umukandida uhita akurikira umwunzi watowe nyuma kuri iyo lisiti.

Umwunzi mushya utowe arangiza igice cya manda gisigaye cy'uwo yasimbuye.

UMUTWE WA III: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 24: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka

Minisitiri w'Intebe, Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta na Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka.

Ingingo ya 25: Ivanwaho ry'iteka n'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Iteka rya Perezida n° 49/01 ryo ku wa 06/07/2010 rigena uko amatora y'abagize Komite y'Abunzi akorwa n'ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.

Article 23: Replacement of a member of Abunzi Committee

The replacement of a member of *Abunzi* Committee is done according to the order of candidates on the list by taking the candidate who immediately followed the last elected *umwunzi* on the list.

The newly elected *umwunzi* completes the term of office of his or her predecessor.

CHAPTER III: FINAL PROVISIONS

Article 24: Authorities responsible for the implementation of this Order

The Prime Minister, the Minister of Justice/Attorney General and the Minister of Local Government are entrusted with the implementation of this Order.

Article 25: Repealing provision

Presidential Order n° 49/01 of 06/07/2010 specifying modalities for electing the Mediation Committee members and all prior provisions contrary to this Order are repealed.

Article 23: Remplacement d'un membre du Comité d'Abunzi

Le remplacement d'un membre du comité d'*Abunzi* est effectué suivant l'ordre sur la liste des candidats venant immédiatement après le dernier *umwunzi* élu sur la liste.

L'*umwunzi* nouvellement élu ne demeure en fonction que pour la durée restant à courir du mandat de son prédécesseur.

CHAPITRE III: DISPOSITIONS FINALES

Article 24: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Le Premier Ministre, le Ministre de la Justice/Garde des Sceaux et le Ministre de l'Administration Locale sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

Article 25: Disposition abrogatoire

L'Arrêté Présidentiel n° 49/01 du 06/07/2010 fixant les modalités d'élection des membres du Comité de Conciliateurs et toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogés.

Ingingo ya 26: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 18/09/2019

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Minisitiri w'Intebe

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Article 26: Commencement

This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 18/09/2019

(sé)

KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Prime Minister

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

Article 26: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 18/09/2019

(sé)

KAGAME Paul
Président de la République

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**ITEKA RYA PEREZIDA N° 096/01 RYO
KU WA 18/09/2019 RISEZERERA NTA
MPAKA *DIRECTOR GENERAL***

**PRESIDENTIAL ORDER N° 096/01 OF
18/09/2019 AUTOMATICALLY
REMOVING FROM OFFICE A
DIRECTOR GENERAL**

**ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 096/01 DU
18/09/2019 PORTANT DÉMISSION
D'OFFICE D'UN *DIRECTOR GENERAL***

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIÈRES

Ingingo ya mbere: Isezererwa nta mpaka

**Article One: Automatic removal from
office**

Article premier: Démission d'office

**Ingingo ya 2: Abashinzwe gushyira mu
bikorwa iri teka**

**Article 2: Authorities responsible for the
implementation of this Order**

**Article 2: Autorités chargées de l'exécution
du présent arrêté**

**Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo
zinyuranyije n'iri teka**

Article 3: Repealing provision

Article 3: Disposition abrogatoire

**Ingingo ya 4: Igihe iri teka ritangirira
gukurikizwa**

Article 4: Commencement

Article 4: Entrée en vigueur

ITEKA RYA PEREZIDA N° 096/01 RYO KU WA 18/09/2019 RISEZERERA NTA MPAKA DIRECTOR GENERAL

PRESIDENTIAL ORDER N° 096/01 OF 18/09/2019 AUTOMATICALLY REMOVING FROM OFFICE A DIRECTOR GENERAL

ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 096/01 DU 18/09/2019 PORTANT DÉMISSION D'OFFICE D'UN DIRECTOR GENERAL

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 112, iya 120, n'iya 176;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 112, 120 and 176;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 112, 120 et 176;

Dushingiye ku Itegeko n° 86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 93 n'iya 94;

Pursuant to Law n° 86/2013 of 11/09/2013 establishing the general statutes for public service, especially in Articles 93 and 94;

Vu la Loi n° 86/2013 du 11/09/2013 portant statut général de la fonction publique, spécialement en ses articles 93 et 94;

Bisabwe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo;

On proposal by the Minister of Public Service and Labour;

Sur proposition du Ministre de la Fonction Publique et du Travail;

TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE:

HAVE ORDERED AND ORDER:

AVONS ARRÊTÉ ET ARRÊTONS:

Ingingo ya mbere: Isezererwa nta mpaka

Article One: Automatic removal from office

Article premier: Démission d'office

Bwana GASANA Jérôme wari *Director General* w' Ikigo cya Leta gishinzwe Guteza Imbere Ubumenyingingiro n'Imyigishirize y'Imyuga mu Rwanda (WDA) asezerewe nta

Mr GASANA Jérôme who was Director General of Workforce Development Authority (WDA) is automatically removed from office due to job discontinuance.

M. GASANA Jérôme qui était *Director General de l'Office* Rwandais de Développement de la Main-d'œuvre (WDA)

mpaka kuri uwo mwanya kubera ibura ry'umurimo.

Ingingo ya 2: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka

Minisitiri w'Intebe, Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka.

Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Ingingo ya 4: Igihe iri teka ritangirira gurikizwa

Iri teka ritangirira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. Agaciro karyo gahera ku wa 19/05/2019.

Kigali, ku wa 18/09/2019

Article 2: Authorities responsible for implementation of this Order

The Prime Minister, the Minister of Public Service and Labour and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order.

Article 3: Repealing provision

All prior provisions contrary to this Order are repealed.

Article 4: Commencement

This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. It takes effect as of 19/05/2019.

Kigali, on 18/09/2019

est démis d'office de ses fonctions pour cause de manque d'emploi.

Article 2: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Le Premier Ministre, le Ministre de la Fonction Publique et du Travail et le Ministre des Finances et de la Planification Économique sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

Article 3: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Article 4: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. Il sort ses effets à partir du 19/05/2019.

Kigali, le 18/09/2019

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)

KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)

KAGAME Paul
Président de la République

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Minisitiri w'Intebe

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Prime Minister

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya
Leta

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

(sé)

BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**ITEKA RYA PEREZIDA N° 097/01 RYO
KU WA 18/09/2019 RISEZERERA NTA
MPAKA *DIRECTOR GENERAL***

**PRESIDENTIAL ORDER N° 097/01 OF
18/09/2019 AUTOMATICALLY
REMOVING FROM OFFICE A
DIRECTOR GENERAL**

**ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 097/01 DU
18/09/2019 PORTANT DÉMISSION
D'OFFICE D'UN *DIRECTOR GENERAL***

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIÈRES

Ingingo ya mbere: Isezererwa nta mpaka

**Article One: Automatic removal from
office**

Article premier: Démission d'office

**Ingingo ya 2: Abashinzwe gushyira mu
bikorwa iri teka**

**Article 2: Authorities responsible for the
implementation of this Order**

**Article 2: Autorités chargées de l'exécution
du présent arrêté**

**Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo
zinyuranyije n'iri teka**

Article 3: Repealing provision

Article 3: Disposition abrogatoire

**Ingingo ya 4: Igihe iri teka ritangirira
gukurikizwa**

Article 4: Commencement

Article 4: Entrée en vigueur

ITEKA RYA PEREZIDA N° 097/01 RYO KU WA 18/09/2019 RISEZERERA NTA MPAKA DIRECTOR GENERAL

PRESIDENTIAL ORDER N° 097/01 OF 18/09/2019 AUTOMATICALLY REMOVING FROM OFFICE A DIRECTOR GENERAL

ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 097/01 DU 18/09/2019 PORTANT DÉMISSION D'OFFICE D'UN DIRECTOR GENERAL

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repbulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repbulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 112, iya 120, n'iya 176;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 112, 120 and 176;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 112, 120 et 176;

Dushingiye ku Itegeko n° 86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 93 n'iya 94;

Pursuant to Law n° 86/2013 of 11/09/2013 establishing the general statutes for public service, especially in Articles 93 and 94;

Vu la Loi n° 86/2013 du 11/09/2013 portant statut général de la fonction publique, spécialement en ses articles 93 et 94;

Bisabwe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo;

On proposal by the Minister of Public Service and Labour;

Sur proposition du Ministre de la Fonction Publique et du Travail;

TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE:

HAVE ORDERED AND ORDER:

AVONS ARRÊTÉ ET ARRÊTONS:

Ingingo ya mbere: Isezererwa nta mpaka

Article One: Automatic removal from office

Article premier: Démission d'office

Bwana KALISA MUHIGIRWA Guy wari *Director General* w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Iterambere rya Transiporo (RTDA)

Mr KALISA MUHIGIRWA Guy who was *Director General of Rwanda Transport Development Agency* (RTDA) is

M. KALISA MUHIGIRWA Guy qui était *Director General* de l'Office Rwandais pour la *Promotion du Développement du Transport*

asezerewe nta mpaka kuri uwo mwanya kubera ibura ry'umurimo.

Ingingo ya 2: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka

Minisitiri w'Intebe, Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka.

Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Ingingo ya 4: Igihe iri teka ritangirira gurikizwa

Iri teka ritangirira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. Agaciro karyo gahera ku wa 19/05/2019.

Kigali, ku wa 18/09/2019

automatically removed from office due to job discontinuance.

Article 2: Authorities responsible for the implementation of this Order

The Prime Minister, the Minister of Public Service and Labour and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order.

Article 3: Repealing provision

All prior provisions contrary to this Order are repealed.

Article 4: Commencement

This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. It takes effect as of 19/05/2019.

Kigali, on 18/09/2019

(RTDA) est démis d'office de ses fonctions pour cause de manque d'emploi.

Article 2: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Le Premier Ministre, le Ministre de la Fonction Publique et du Travail et le Ministre des Finances et de la Planification Économique sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

Article 3: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Article 4: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. Il sort ses effets à partir du 19/05/2019.

Kigali, le 18/09/2019

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)

KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)

KAGAME Paul
Président de la République

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Minisitiri w'Intebe

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Prime Minister

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya
Leta

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

(sé)

BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEKA RYA PEREZIDA N° 098/01 RYO
KU WA 18/09/2019 RIGENA
IMISHAHARA N'IBINDI BIGENERWA
UMUYOBOZI MUKURU
N'UMUYOBOZI MUKURU WUNGIRIJE
BA LABORATWARI Y'U RWANDA
Y'IBIMENYETSO BISHINGIYE KU
BUMENYI N'UBUHANGA
BIKORESHA MU BUTABERA

PRESIDENTIAL ORDER N° 098/01 OF
18/09/2019 DETERMINING THE
SALARIES AND FRINGE BENEFITS
ALLOCATED TO THE DIRECTOR
GENERAL AND THE DEPUTY
DIRECTOR GENERAL OF RWANDA
FORENSIC LABORATORY

ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 098/01 DU
18/09/2019 DÉTERMINANT LES
SALAIRES ET AVANTAGES ALLOUÉS
AU DIRECTEUR GÉNÉRAL ET AU
DIRECTEUR GÉNÉRAL ADJOINT DU
LABORATOIRE RWANDAIS DE
MÉDECINE LÉGALE

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIÈRES

Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Ingingo ya 2: Igenwa ry'Umushahara
n'ibindi bigenerwa Umuyobozi Mukuru
n'Umuyobozi Mukuru Wungirije ba RFL

Article 2: Determination of salary and
fringe benefits allocated to the Director
General and the Deputy Director General
of RFL

Article 2: Détermination du salaire et
avantages alloués au Directeur Général et
au Directeur Général Adjoint de RFL

Ingingo ya 3: Umushahara n'ibindi
bigenerwa Umuyobozi Mukuru wa RFL

Article 3: Salary and fringe benefits
allocated to the Director General of RFL

Article 3: Salaire et avantages alloués au
Directeur Général de RFL

Ingingo ya 4: Umushahara n'ibindi
bigenerwa Umuyobozi Mukuru Wungirije
wa RFL

Article 4: Salary and fringe benefits
allocated to the Deputy Director General of
RFL

